**Project 4**

# UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'AMATUNGO MAGUFI MU MIRENGE YA RUGARAMA NA CYANIKA

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: UMUSHINGA W'UBWOROZI BW'AMATUNGO MAGUFI MU MIRENGE YA RUGARAMA NA CYANIKA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People.

**Izina ry'umushinga:** Umushinga w'ubworozi bw'amatungo magufi

**Umwirondoro wa nyir'umushinga**

Ubudehe Rugarama-Cyanika. Cyanika-Rugarama ni imirenge ikoze ku kirunga cya Muhabura, mu majyaruguru kuri pariki y'ibirunga. Mu majyepfo y'iyo mirenge hari ikiyaga cya Burera. Umurenge wa Cyanika ufite imidugudu 52 n'utugari 6. Umurenge wa Rugarama ufite imidugudu 34 n'utugari 4. Iyo mirenge yombi ituwe n'abaturage 56.480: abagabo 24.349 n'abagore 32.131.

**Aho umushinga uzakorera**

Intara y'Amajyaruguru
Akaree ka Burera
Umurenge wa Rugarama na Cyanika

**Amateka y'Akarere**

- Imirenge Rugarama na Cyanika ni imirenge ifite abaturage ahanini bakomora imibereho yabo ku buhinzi ndetse n'ubworozi.
- Iyo mirenge ifite isoko rimwe rya kijyambere n'udusantere dukorerwamo ubucuruzi 10.
- Iyo mirenge irimo ibigo by'amashuri abanza 13 iby'amashuri yisumbuye ni ibigo 4
- Iyo mirenge inyuzwemo n'umuhanda wa kaburimbo n'indi mihanda mito
- Hari n'umupaka uhuza Cyanika n'igihugu cya Uganda
- By'umwihariko umurenge wa Rugarama ufite Ubuvumo bwa Nguri akaba ari icyiza nyaburanga dusanga mu kagari ka Cyahi/Ruganda.
- Muri iyo mirenge hari ivuriro riri mu murenge wa Rugarama
- Hari ibagiro rya kijyambere mu murenge wa Rugarama.

**Isobanurampamvu ry'umushinga**

<u>Isesengurakibazo</u>

Imirenge ya Cyanika na Rugarama abaturage bayo bafite ikibazo cy'ubukene kuko ubukungu bwabo bushingiye ku buhinzi n'ubworozi, ubutaka bwabo ari buke nabwo ariko ntibutanga umusaruro uhagije kuko bufite ikibazo cyo kubura ifumbire yaba iy'amatungo n'imvaruganda.
Ku bw'icyo kibazo cy'ubukene abaturage bakunda guhura n'ikibazo cy'indwara z'imirire mibi abandi bakiyahura muri pariki y'ibirunga bagiye gutega no guhiga inyamaswa zo muri pariki kugira ngo babone inyama kuko abashobora kurya inyama biguriye kugeza ubu ari 2% kandi nabo bakazirya ku minsi mikuru gusa (Noheli n'ubunani).
Bitewe n'ubukene abana benshi baretse kwiga kubera kubura amafaranga y'ishuri n'abasigaye biga ntibarenze 15% abandi bacikiriza hagati amashuri yabo. Imirima yaragundutse kubera kubura ifumbire ikomoka ku matungo n'abashoboye kuyigezaho ntibarenga 17% by'abatuye iyo

mirenge kuko agasambu gato umuryango ufite uhora ugahinga ntakuraza kubera ubwinshi bw'abaturage.

Impamvu y'umushinga

- Ubudehe bwo mu mwka wa 2005 bwagerageje gutanga amatungo magufi ku baturage b'iyo mirenge ariko abo yabashije kugeraho ntibarenze 15% bityo 83% basigaye ntibababasha kubona amatungo.
- Umushinga w'ubworozi bw'amatungo magufi uzagurira abaturage b'iyo mirenge bangana na 40% ku buryo bazababasha kubona ifumbire yo gufumbiza imirima yabo ndetse bakabona n'indyo yuzuye ku buryo bazabona ibyo kurya biturutse ku matungo.
- Umushinga w'ubworozi bw'amatungo magufi uzafasha abana baturiye iyo mirenge bataye ishuri gusubira mu ishuri ndetse n'abacikirizaga amashuri yabo bakomeze kuko ababyeyi babo bazaba babasha kubona amafaranga y'ishuri ku buryo bworoshye maze umubare wabo uzamuke kugera kuri 60%.
- Umushinga uzakemura ikibazo cy'abantu bajya mu ishyamba kuryangiza bahiga inyamaswa kuko bazaba babasha kubona inyama ku buryo bworoshye hanze ya pariki nibura bangana na 50%.

**Intego z'umushinga**

**Intego rusange:** Kuvugurura imibereho myiza y'abaturage b'imirenge ya Cyanika na Rugarama.

**Intego zihariye**

- Kongera umubare w'amatungo magufi 40% (ihene, intama, ingurube, inkoko, …)
- Kongera umutungo w'umuryango
- Gushyiraho isoko ry'amatungo magufi
- Kongera umusaruro ukomoka ku buhinzi hakoreshejwe ifumbire y'amatungo
- Kuvugurura imirire y'abaturage

**Abagenerwabikorwa**

Ba nyiri umushinga

Imirenge ya Rugarama na Cyanika ituwe n'abaturage 56 480 : abagabo 24 349 n'abagore 32 131.

Abaturiye aho umushinga uzakorera

Abacuruzi : 250 bazashobora kugurira amatungo magufi hafi kandi ku giciro cyiza.

**Ingamba**

- Kongera umubare w’amatungo magufi: uko bizakorwa ni ukugura amatungo magufi agahabwa abaturage noneho bakazajya baziturirana ku buryo 40% by’abaturage bizaba byabonye amatungo magufi mu myaka ibiri.
- Gushyiraho isoko ry’amatungo: uburyo bizakorwa hazashyirwaho komite ishinzwe kujya gushaka ahagurishwa amatungo no mu mahoteri na za bar.
- Gushyiraho ivuriro ry’amatungo: hifashishijwe inzobere mu buvuzi bw’amatungo, tuzashyiraho ikigo gicuruza imiti y’amatungo.

**Imbonerahamwe y’ibikorwa**

<u>Intego yihariye 1</u> : <u>Kongera umubare w’amatungo magufi</u>

| N° | Igikorwa | Ibipimo | Igenzura | Inzitizi |
|---|---|---|---|---|
| 1.1. | Kugura amatungo | Inkoko 1000<br>Ihene 800<br>Intama 400<br>Ingurube 50<br>Inkwavu 542<br>Byose bikazakorwa mu gihe cy’imyaka 2 | Raporo izakorwa y’ibyaguzwe n’ibitaragurwa byose | Amatungo ashobora kutabonekera rimwe |
| 1.2 | Guhugura abaturage | Ingo 279 mu gihe cy’amezi 2 mu byiciro 10 | Raporo y’abahuguwe | |
| 1.3 | Kuyageza ku bo yagenewe | Itungo 1 kuri buri rugo | Raporo y’abahawe amatungo | |
| 1.4 | Gukurikirana imibereho y’amatungo | Buri cyumweru | Muganga w’amatungo | |

40% by’abaturage batuye imirenge ya Rugarama na Cyanika bazaba bafite amatungo magufi.

**Ikurikirana n'isuzuma ry'umushinga**

Iharerekana rya raporo : ikorwa na Perezida wa Komite zizashyirwaho igashyikirizwa ubuyobozi bw'akagari noneho Utugari natwo tukazishyikiriza ubuyobozi bw'imirenge buri mezi ane.

| Igikorwa | Amakuru akenewe | Ryari (igihe) | Ushinzwe | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | Gukusanya amakuru | Gusesengura amakuru | Guhuza amakuru |
| 1. Guhugura | Kubaka ibiraro no gutera ubwatsi | Amezi 2 | Ubudehe mu midugudu | Perezida wa komite | Imirenge |
| 2. Kubaka ibiraro | Kumenya ibiraro bigomba kubwkwa n'abo bigomba kubakirwa | Amezi 3 mbere yo kugura amatungo | Ubudehe mu midugudu | Perezida wa komite | Imirenge |
| 3. Guha abaturage amatungo | Kumenya abaturage bagomba guhabwa amatungo mbere y'abandi | Igihe cy'ukwezi1 amatungo akimara kugurwa | Ubudehe mu midugudu n'ubuyobozi bw'umudugudu | Perezida wa komite | Ubuyobozi bw'imirenge Rugarama na Cyanika |
| 4. Gukurikirana imibereho y'amatungo | Kumenya izarwaye, izabyaye, izapfuye n'izabuze | Buri cyumweru | Ubudehe | Perezida wa komite | Ubuyobozi bw'imirenge |

N.B. : Isuzuma rizajya riba inshuro 3 mu mwaka (buri mezi 4).

**Akamaro/ingaruka z'umushinga**

<u>Ku byerekeye ubukungu</u>

- Ubucuruzi bw'amatungo no kubiyaturukaho biziyongera bityo n'imiryango ibone amafaranga yo kwikenura.
- Amasoko y'amatungo baziyongera
- Umusaruro uziyongera kubera ifumbire y'amatungo magufi
- Hazaboneka imisoro myinshi kuri Leta ikomoka ku matungo magufi.
- Gutanga akazi ku bavuzi b'amatungo n'abandi

Ku mibereho myiza

- Abaturage bazagira imirire myiza
- Gusubiza abana mu mashuri ku bari barayataye ku mpamvu z'ubukene n'abacikishije amashuri
- Kugera ku bwisungane mu kwivuza bitagoranye.

Ku bidukikije

Ubusugire bwa PNV buzaba bwose kubera ko nta muturage uzaba akiyinjiramo ajyanywe no guhiga inyamaswa.

Ku bwuzuzanye bw'abagabo n'abagore:

- Umutekano mu miryango kubera ubukene buzaba bwagabanutse
- Ubwuzuzanye hagati n'umugore n'umugabo.

**Uburambe bw'umushinga**

Nyuma y'inkunga y'umushinga, umushinga uzakomeza kubera ko amatungo azaba ari mu rwego rw'abaturage, igikorwa bazakigira icyabo.

Ku byerekeye tekiniki

Nyuma y'inkunga y'umushinga igikorwa kizacungwa na ba agoronome b'imirenge na za komite nyobozi z'utugari.

Ku byerekeye imari n'umutungo

Nyuma y'inkunga y'umushinga imari izaturuka mu gucuruza amatungo, inyama, amagi no mu nyongeramusaruro ikomoka kuri ayo matungo. Hazashyirwaho n'inzobere mugucunga umutungo.

Ku byerekeye imiyoborere

Nyuma y'inkunga y'umushinga igikorwa kizasigara gicungwa na za komite zizashyirwaho muri buri mudugudu.

**Ingengo y'imari y'umushinga**

Intego ya 1 : Kongera umubare w'amatungo magufi

| **Igikorwa** | • **Ibikenewe** | **Ingano** | **Ikiguzi cya 1** | **Ikiguzi cya byose** |
|---|---|---|---|---|
| Guhugura | • Amakayi manini<br>• Amakayi mato | 2<br>2792 | 1 500<br>100 | 3000<br>279200 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | • Amakaramu<br>• Ingendo ku barimu (iminsi)<br>• Umushahara (iminsi) | 2792<br>10<br>10 | 50<br>2000<br>4000 | 139600<br>20000<br>40000 |
| | **Igiteranyo** | | | **481 800** |
| Gutera ubwatsi | Imbuto ingemwe<br>Ibiryo by'amatungo (ibilo) | 20000<br>600 | 5<br>3000 | 100 000<br>1 800 000 |
| | **Igiteranyo** | | | **1 900 000** |
| Kubaka ibiraro | Ibiraro by'ihene, intama, ingurube<br>Ibiraro by'inkoko | 550<br>385 | 25 000<br>10 000 | 13 750 000<br>3 850 000 |
| | **Igiteranyo** | | | **17 600 000** |
| Gushaka isoko | Komite | Amezi 2 | 30 000 | 60 000 |
| | **Igiteranyo** | | | **60 000** |
| Kugura amatungo | • Ihene<br>• Intama<br>• Inkoko<br>• Ingurube<br>• Inkwavu<br>• Imodoka n'abapakizi | 300<br>200<br>250<br>50<br>135<br>10 | 25 000<br>15000<br>6000<br>10000<br>2000<br>50000 | 7 500 000<br>3 000 000<br>1 500 000<br>500 000<br>270 000<br>500 000 |
| | **Igiteranyo** | | | **13 270 000** |

<u>Ibikoresho biramba</u>

| **N°** | **Icyo ari cyo** | **Ingano** | **Igiciro cya 1** | **Igiciro cya byose** | **Icyitonderwa** |
|---|---|---|---|---|---|
| 1 | Ibiraro | Ibinini<br>Ibito | 25 000<br>10 000 | 13 750 000<br>3 850 000 | |
| | Igiteranyo | | | 17 600 000 | yanditswe |

Imishahara, ingendo n'ibikoresho by'ibiro

| N° | **Icyo ari cyo** | **Ingano** | **Igiciro cya 1** | **Igiciro cya byose** | **Icyitonderwa** |
|---|---|---|---|---|---|
| | Umushahara | 10 j | 4000 | 40 000 | yanditswe |
| | Ingendo | 10 j | 2000 | 20 000 | yanditswe |
| | Amakaye mato | | | 279200 | yanditswe |
| | Amakaramu | | | 139600 | yanditswe |
| | Gupakira amatungo | Imodoka 10 | 50000 | 500 000 | yanditswe |
| | Essence ya vétérinaire | 50 l | 1000 | 50 000 | 50.000 |
| | Imiti y'amatungo | Amezi 24 | 7834 | 188 016 | 188.016 |
| | Amakayi ya muganga | 2 | 1500 | 3000 | 3.000 |
| | **Igiteranyo** | | | **1.219.816** | **241.016** |

Igiteranyo cy'ingengo y'imari

| **Icyo ari cyo** | **Umubare** |
|---|---|
| Ibikorwa | 14.733.000 |
| Ibikoresho biramba | 17 600 000 |
| Imishahara, ingendo n'ibikoresho by'ibiro | 1.219 816 |
| **Igiteranyo rusange** | **33.552.816** |

Abazagiramo uruhare

| | |
|---|---|
| Abaturage (25%) | 8.388.204 |
| Inkunga (75%) | 25.164.612 |
| **Igiteranyo (100%)** | **33.552.816** |

N.B.: Uruhare rw'abaturage ni imirimo izakorwa mu kwiyubakira ibiraro, gutera ubwatsi no kuzana ibikoresho.

**Ingengabihe y'ibikorwa**

Intego ya 1 : Kongera umubare w'amatngo

| | 2008 | | | | | | | | | | | | 2009 | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Igikorwa/Amezi | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | 11 | 12 | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 |
| Guhugura | | x | x | | | | | | | | | | | | | | | | | | |
| Gutera ubwatsi | | x | x | | | | | | | | | | | | | | | | | | |
| Kubaka ibiraro | | | | x | x | | | | | | | | | | | | | | | | |
| Kugura amatungo | | | | | x | x | | | | | | | | | | | | | | | |
| Kuyatanga | | | | | x | x | | | | | | | | | | | | | | | |
| Gukurikirana amatungo | | | | | | | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x | x |
| Gushaka isoko | | | | | | | | | | | | | | | | | x | x | x | x | x |

**Umwanzuro w’umushinga**

Muri rusange uyu mushinga w’ubworozi bw’amatungo magufi mu mirenge ya Rugarama na Cyanika ni mwiza kuko ushobora kuba kimwe mu bisubizo bibonereye ikibazo cy’abaturage bajyaga binjira mu ishyamba rya PNV bagiye guhiga inyamaswa. Kuwutera inkunga byagira impinduka nziza nyinshi mu mibereho y’abaturage b’imirenge ya Rugarama na Cyanika ku bijyanye n’imirire, imyigire y’abana n’uburumbuke bw’ubutaka.